Muzakomeza gukurikira imigenzo y'ababayeho mbere yanyu, intera ku yindi, intambwe ku yindi

Hadith yaturutse kwa Abi Saidi Al Khud'riy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Muzakomeza gukurikira imigenzo y'ababayeho mbere yanyu, intera ku yindi, intambwe ku yindi, kugeza ubwo n'iyo bakinjira mu mwobo w'inyaga mwabakurikira!" Nuko tubaza Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) tuti: Yewe Ntumwa y'Imana, ugamije kuvuga abayahudi n'abanaswara? Iradusubiza iti: "Ni abahe bandi batari abo?"

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatubwiraga ku bizaba kuri bamwe mu bayoboke bayo nyuma yayo; ari byo byo gukurikira inzira y'abayahudi n'abanaswara mu myemerere yabo, imigirire yabo, imigenzo yabo ndetse n'imico yabo mu buryo bwose kandi bwimbitse intambwe ku yindi, kugeza n'iyo bakinjira mu mwobo w'inyaga, bazinjirana nabo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3355